

	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR1311140v2
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009
TEKINIKI ZO GUHINGA KIYAMBERE : IBIGORI		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI/MINAGRI
-----------------------------	----------------------------------

Itariki inyandiko yasohokeye	2008-2009
-------------------------------------	------------------

Umubare w'amapagi	3
--------------------------	----------

IBIGORI



1. Aho bikunda : Ibigori bihingwa hafi hose mu gihugu.

2. Ubutaka : bufumbiye, bw'isi ndende, bubika amazi kandi bworoshye.

3. Amoko yamamazwa :

Mu misozi migufi n'iciriritse : Katumani, Kigega (ZM 607), Pool 32, Longe 4 na TMV1.

Mu misozi miremire : Tamira (Pool 9) na Mamesa (Pool 8).

4. Uko bategura umurima

Kurwanya isuri, kurima bwa mbere bavanamo urwiri iyo ruri mu murima, no gutabira bagiye gutera imbuto

5. Gufumbira

Gushyiramo toni 10 z'ifumbire y'imborera iboze neza mu gihe cy'itabira, kongeramo kg 250 za NPK 17.17.17 kuri Ha cyangwa kg 100 za DAP mu gihe cy'itera cyangwa bimaze kumera. Nyuma y'iminsi 45 bateye, hongerwamo hagati ya kg 50 na kg 100 za ire (urée).

Mu butaka busharira, babanza gushyiramo hagati ya toni 2,5 na toni 5 z'ishwagara kuri Ha ikamaramo imyaka 2.

6. Igerambuto

Batera hagati ya kg 30 na kg 50 z'imbutu kuri Ha. Batera kuri cm 70 hagati y'imirongo na cm 30 ku murongo, bashyira intete 2 mu kobo. Ibihe by'itera biterwa n'uturere

Mu misozi migufi : batera mu minsi 15 ya mbere ya Nzeli cyangwa mu minsi 15 ya mbere ya Gashyantare.

Mu gishanga : Nzeli na Werurwe

Mu misozi miremire: Ukuboza na Mata

7. Kubikenura

Hakorwa imirimo yo kubibagara no kubyicira, ibigori bifite cm 10 z'uburebure, bigasukirwa bifite cm 30

8. Kurwanya indwara n'ibyonnyi by'ingenzi

a) Nkongwa y'ibigori: bita *Busseola fusca*, *sesania colanistis*, *eldana sacharina*. Utwo dukoko dukwirakwizwa n'utunyugunyugu dutera amagi mu bigori mu gihe cy'imicyo. Ubwone bugaragazwa n'imyobo mu ruti, mu ntete no ku mababi y'ibigori, ikikijwe n'amabyi ya nkongwa.

Kuyirwanya: Gutera kare, gusimburanya ibihingwa, kurunda ibigorigori mu kimpoteri cyabyo cyangwa gukoresha imiti nka Durban 48% 1,5l/Ha cyangwa beta-cyfluthrine 2,5% hakoreshejwe 10 ml/10l z'amazi/ari

b) Indwara y'imigongo cyangwa ingenge y'amabara bita Maize streak virus ikwirakwizwa n'agakoko bita Cicadulina rubila. Igaragazwa n'imirongo y'umweru ku kibabi

Kuyirwanya: Batera rimwe kandi kare kandi bakarandura ibyafashe bishobora gukwirakwiza indwara.

c) Ukubabuka kw'amababi: iterwa n'agahumyo bita „Helmthosporium turcicum“. Ni indwara ifata amababi y'ikigori ikagaragazwa n'amabara manini arambuye ku mababi. Ikara cyane mu gihe cy'imvura.

Kuyikumira no kuyirwanya: gutera ku gihe imbuto zihanganira iyo ndwara kandi hagakoreshwa imbuto ihungijwe umuti wa Thiran na benomyl. Ni ngombwa kandi kurunda ibigorigori mu cyimpoteri cyabyo ahitaruye.

9. Igihe byerera : Iminsi 75 kugeza ku minsi 180 bitewe n'ubwoko kimwe



n'ubutumburuke bw'akarere.

10. Gusarura no guhunika

Basarura ibigori byeze neza, bikanikwa kugera byumye neza. Haboneka toni 2 kugera kuri 5 z'impungure zumye.

Bihunikwa mu mifuka, mu bigega bagashyiraho gr 100 z'umuti wa Agitalike cyangwa uwa Malatiyo muri kg 100 z'ibigori kugira ngo bitamungwa. Abafite ubushobozi cyangwa se abishyize mu makoperative, bahunika mu bigega bya Cocoons.